# من خلقني؟ ولماذا؟

# NINDE WANDEMYE? KUBERA IKI YANDEMYE?

# NINDE WANDEMYE? KUBERA IKI YANDEMYE?

## Buri kintu cyose kigaragaza ko hariho umuremyi.

Ninde waremye ibirere n'isi n'ibibirimo byaba ibiremwa bihambaye tutarondora?

Ninde wahanze iyi gahunda itunganye neza yaba iyo mu kirere no mu isi?

Ninde waremye umuntu akamuha kumva no kubona ndetse n'ubwenge, ndetse akamushoboza kugira ubumenyi, no gusobanukirwa ukuri?

Ni gute ushobora gusobanura iyi mikorere itunganye mu bigize umubiri wawe n'ibigize imibiri y'ibindi binyabuzima? Ninde wabihanze akabirema?

Ni gute ibiriho byose bigendera kuri gahunda no mu buryo buhebuje iyi myaka yose?

Ninde wagennye izi gahunda n'aya mategeko agenga ibiriho byose (nk'ubuzima n'urupfu, kororoka kw'ibinyabuzima, ijoro n'amanywa, guhinduka kw'ibihe n'ibindi)?

Ese iyi sanzure (isi n'ibiyirimo) yariremye ubwayo? Cyangwa yaturutse ku busa nta na kimwe yaturutseho? Cyangwa yabayeho ku buryo bw'impanuka?

Kubera iki umuntu yemera ko hariho ibintu atabona? Urugero: (Nk'ubwenge, ubumenyi, roho, ibyiyumviro, urukundo), ese ntibiterwa n'uko aba

abona ibimenyetso byabyo? None ni gute umuntu ahakana ko hari ho Umuremyi w'ibi biriho bihambaye, kandi nawe abona ibimenyetso bye mu biremwa bye, n'imigirire ye ndetse n'impuhwe ze?!

Nta wakwemera kubwirwa ngo iyi nzu ureba yabayeho ntawe uyubatse! Cyangwa se ngo abwirwe ngo ubusa nibwo bwashyizeho iyi nzu! None ni gute bamwe mu bantu bemera abababwira ko iyi si n'ijuru byabayeho ntawe ubiremye? Ni gute umuntu ufite ubwenge ashobora kwemera ko iyi gahunda ikoranye ubuhanga iri ku isi n'ijuru yaba yaraje mu buryo bw'impanuka?

Allah Nyir' ubutagatifu aragira ati:

(أَمۡ خُلِقُواْ مِنۡ غَيۡرِ شَيۡءٍ أَمۡ هُمُ ٱلۡخَٰلِقُونَ، أَمۡ خَلَقُواْ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضَۚ بَل لَّا يُوقِنُونَ).

Ese (bibwira ko) baremwe nta cyo bakomowemo, cyangwa ni bo baremyi? Cyangwa bibwira ko baremye ibirere n'isi? Ahubwo ntibizera! [A-Twur: 32:52].

## Allah Nyir'ibisingizo bihebuje, Ushobora byose.

Hariho Umwami n'Umuremyi umwe, ufite amazina n'ibisingizo byinshi bihambaye byerekana kuzura kwe no gutungana kutagira inenge. No mu mazina ye: Niwe Muremyi, Nyir'impuhwe, Utanga amafunguro, Umunyabuntu buhebuje, Naho "Allah" niryo zina rizwi cyane mu mazina ya Nyagasani Nyir'ibisingizo bihebuje, risobanuye: Umwe

ukwiye gusengwa wenyine, udafite uwo babangikanye.

Allah Nyir'ubutagatifu muri Qur'an Ntagatifu yaravuze ati:

﴿قُلۡ هُوَ ٱللَّهُ أَحَدٌ * ٱللَّهُ ٱلصَّمَدُ *لَمۡ يَلِدۡ وَلَمۡ يُولَدۡ *وَلَمۡ يَكُن لَّهُۥ كُفُوًا أَحَدُۢ﴾

Vuga (Yewe Muhamadi) uti "We ni Allah, umwe Rukumbi,"

Allah, Uwishingikirizwa,

Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe,

Ndetse nta na kimwe ahwanye na cyo. [Surat Al Ikh'las:1-4].

Allah Nyir'ubutagatifu nanone aragira ati:

﴿اللَّهُ لا إِلَهَ إِلَّا هُوَ الْحَيُّ الْقَيُّومُ لا تَأْخُذُهُ سِنَةٌ وَلا نَوْمٌ لَهُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الأَرْضِ مَنْ ذَا الَّذِي يَشْفَعُ عِنْدَهُ إِلَّا بِإِذْنِهِ يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلا يُحِيطُونَ بِشَيْءٍ مِنْ عِلْمِهِ إِلَّا بِمَا شَاءَ وَسِعَ كُرْسِيُّهُ السَّمَوَاتِ وَالأَرْضَ وَلا يَئُودُهُ حِفْظُهُمَا وَهُوَ الْعَلِيُّ الْعَظِيمُ﴾

(Allah ni we Mana y'ukuri) nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse We, Uhoraho (Nyirubuzima bwuzuye buzira inenge), Uwigize, akanabeshaho ibiriho byose. Ntafatwa no guhunyiza habe n'ibitotsi. Ibiri mu birere n'ibiri mu isi ni ibye. Ni inde wagira uwo avuganira iwe uretse ku burenganzira bwe? Azi ibyababayeho (ku isi) n'ibizababaho (ku mperuka). Kandi nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashaka. Kursiyu ye ikwiriye ibirere n'isi, kandi ntananizwa no kubirinda (ibirere n'isi). Ni na We Uwikirenga, Uhambaye.) [Surat Al Baqarat: 255].

## Ibisingizo bya Nyagasani Nyir'ibisingizo bihebuje Ushobora byose.

Nyagasani ni We waremye isi, arayoroshya, ayigira kuba ishobora kubaho ibiremwa bye, ni we waremye ibirere n'ibiremwa bibirimo bihambaye, izuba, ukwezi, ijoro ndetse n'amanywa abishyiriraho iyi gahunda iboneye igaragaza ubuhambare bwe.

Nyagasani ni We watworohereje umwuka tutabaho tutawufite, kandi niwe ugusha imvura kandi waduhaye inyanja n'imigezi. Ni nawe wadutunze mu gihe twari impinja mu nda za ba mama nta mbaraga dufite. Ni nawe utuma amaraso atembera mu mitsi yacu, Kandi ni nawe utuma imitima yacu idahwema gutera kuva tuvuka kugeza dupfuye.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿وَاللَّهُ أَخْرَجَكُمْ مِنْ بُطُونِ أُمَّهَاتِكُمْ لَا تَعْلَمُونَ شَيْئًا وَجَعَلَ لَكُمُ السَّمْعَ وَالْأَبْصَارَ وَالْأَفْئِدَةَ لَعَلَّكُمْ تَشْكُرُونَ﴾

{Allah yanabakuye mu nda z'ababyeyi banyu nta cyo muzi, maze abaha kumva, kubona ndetse (abaha) n'imitima (ubwenge) kugira ngo mushimire}. [Surat A-Nahl: 78].

## Nyagasani ukwiye gusengwa ni ngombwa ko arangwa n'ibisingizo byuzuye bidafite inenge.

Umuremyi wacu yaduhaye ubwenge bumenya ubuhambare bwe, kandi adushyiramo kamere ndemano imenya gutungana no kuzura kwe, kandi ko adashobora kurangwa n'ibisingizo bifite inenge.

Ni ngombwa kwambaza Allah Nyir'ubutagatifu wenyine, kuko niwe ufite ibisingizo byiza kandi byuzuye ukwiriye kwambazwa wenyine, kandi buri kintu cyose gisengwa kitari We gisengwa mu binyoma, ntabwo cyuzuye, kirapfa n'igihe kikagera kikarangira.

Ugaragirwa kandi ntakwiye kuba umuntu cyangwa se igishushanyo cyangwa se igiti cyangwa se inyamaswa!

Ntibikwiye ko muntu ufite ubwenge agaragira undi uwo ari we wese uretse Allah utagira inenge (Uwuzuye), none ni gute yagaragira ikiremwa gisuzuguritse kuri we?!

Nyagasani ntashobora kuba uruhinja ruri mu nda y'umugore, ngo avuke nk'uko impinja zivuka!

Nyagasani ni we waremye ibiremwa byose, kandi ibyaremwe byose biri mu maboko ye no mu bubasha bwe. Ntabwo abantu bashobora kumugirira nabi, kandi ntawe ushobora kumubamba, kumubabaza amwica urubozo, cyangwa ngo amukoze isoni!

Nyagasani ntashobora gupfa!

Nyagasani niwe utibagirwa, ntasinzira, cyangwa ngo arye ibiryo. Niwe uhambaye cyane ku buryo adashobora kugira umugore cyangwa umwana. Bityo Rurema afite ibisingizo bihambaye kandi ntibishoboka na rimwe ko hari icyo yakenera k'uwo ari we wese cyangwa ngo abe afite inenge, kandi inyandiko zose zirimo ibinyuranye n'ubuhambare bw'Umuremyi, zitiririrwa abahanuzi, ni inyandiko zigoretse kandi ntabwo biri mu byahishuwe byamanuriwe Musa, Yesu, hamwe n'abandi mu Ntumwa z'Imana amahoro ya Allah ababeho.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

يَا أَيُّهَا النَّاسُ ضُرِبَ مَثَلٌ فَاسْتَمِعُوا لَهُ إِنَّ الَّذِينَ تَدْعُونَ مِنْ دُونِ اللَّهِ لَنْ يَخْلُقُوا ذُبَابًا وَلَوِ اجْتَمَعُوا لَهُ وَإِنْ يَسْلُبْهُمُ الذُّبَابُ شَيْئًا لَا يَسْتَنْقِذُوهُ مِنْهُ ضَعُفَ الطَّالِبُ وَالْمَطْلُوبُ (73) مَا قَدَرُوا اللَّهَ حَقَّ قَدْرِهِ إِنَّ اللَّهَ لَقَوِيٌّ عَزِيزٌ (74)

{Yemwe bantu! Mwahawe urugero, ngaho nimurutege amatwi! Mu by’ukuri ibyo musenga bitari Allah ntibishobora kurema n’isazi kabone n’iyo byayiteraniraho. Kandi n’iyo iyo sazi yagira icyo ibyambura, ntibyashobora kucyisubiza. Bityo, usaba n’usabwa bose ni abanyantege nke!} [Surat Al Haji: 73].

{(Ababangikanyamana) ntibahaye Allah icyubahiro kimukwiye. Mu by’ukuri Allah ni Umunyembaraga, Umunyacyubahiro bihebuje.)} [Surat Al Haji: 74]. [Surat Al Haji: 73 - 74].

## Ese birashoboka ko Nyagasani yatureka nta guhishurirwa ubutumwa (Wah'yi)?

Ese byaba bijya mu bwenge ko Allah yarema ibi biremwa byose nta mpamvu, ese byaba byumvikana ko yabiremye akina kandi ari we wuje ubushishozi, umumenyi uhebuje?

Ese byaba bijya mu bwenge ko uwaturemye muri ubu buryo butunganye kandi bunoze, akatworohereza ibiri mu birere no mu isi ko yaturema nta mpamvu? Cyangwa se nyuma yo kuturema agaterera iyo ataduhaye ibisubizo by'ibibazo by'ingenzi twibaza muri ubu buzima, nko kwibaza ngo: Kuki turi hano? Nyuma y'urupfu bizagenda bite? Twaremewe iki?

Ahubwo Allah yohereje Intumwa kugira ngo tumenye intego yo kubaho kwacu, nicyo adushakaho!

Allah kandi yohereje Intumwa kugira ngo zitumenyeshe ko ari we wenyine ukwiye kugaragirwa, ndetse no kumenya uburyo dukwiye kumugaragira, ndetse no kumenya ibyo ategetse n'ibyo yabujije, no kutwigisha indangagaciro zihebuje turamutse tuzishyize mu ngiro ubuzima bwacu bwagenda neza, bugakwiramo ibyiza ndetse n'imigisha.

Allah yohereje Intumwa nyinshi urugero (Nuhu, Ibrahim, Mussa, ndetse na Issa) anaziha

ibimenyetso n'ibitangaza bishimangira ko ari intumwa zoherejwe n'Umuremyi.

Intumwa ya nyuma ni Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kandi Allah yamuhishuriye Qur'an Ntagatifu.

Izo Ntumwa za Allah zatubwije ukuri ko ubu buzima ari ibigeragezo, kandi ko ubuzima nyabwo ari ubwa nyuma y'urupfu.

Kandi ko hari ho ijuru ku bemeramana bagaragiye Allah wenyine batamubangikanya, bakemera Intumwa ze zose, ndetse ko hari n'umuriro ku bahakanyi babangikanyije Allah n'ibindi bakanahakana umwe mu Ntumwa ze.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

يَابَنِي آدَمَ إِمَّا يَأْتِيَنَّكُمْ رُسُلٌ مِنْكُمْ يَقُصُّونَ عَلَيْكُمْ آيَاتِي فَمَنِ اتَّقَى وَأَصْلَحَ فَلَا خَوْفٌ عَلَيْهِمْ وَلَا هُمْ يَحْزَنُونَ (35) وَالَّذِينَ كَذَّبُوا بِآيَاتِنَا وَاسْتَكْبَرُوا عَنْهَا أُولَئِكَ أَصْحَابُ النَّارِ هُمْ فِيهَا خَالِدُونَ (36)

{(Yemwe bene Adamu! Nimuramuka mugezweho n'Intumwa zibakomokamo, zikabasobanurira ibimenyetso byanjye, rwose abazatinya (Allah) bakanakora ibikorwa byiza, nta bwoba bazigera bagira habe n'agahinda}. (35)

Naho ba bandi bazahinyura ibimenyetso byacu bakabyigomekaho ku bw'ubwibone, abo ni abantu bo mu muriro bazawubamo ubuziraherezo.} (36)

[Surat Al Araf: 35 - 36].

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿ أَفَحَسِبْتُمْ أَنَّمَا خَلَقْنَاكُمْ عَبَثًا وَأَنَّكُمْ إِلَيْنَا لَا تُرْجَعُونَ ﴾

{(Ese mukeka ko twabaremye dukina (nta mpamvu), kandi ko mutazagarurwa iwacu?)} [Surat Al Mu-uminuna: 115].

## Qur'an Ntagatifu.

Qur'an ntagatifu ni amagambo ya Allah Nyir'ubutagatifu, yahishuriwe Intumwa ya nyuma ari yo Muhamadi, kandi ni igitangaza gikomeye cyerekana ukuri kw'ubuhanuzi bwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ni ukuri mu mategeko yayo ndetse n'ukuri mu nkuru zacyo. Allah yategeyE abahakana iyi Qur'an ko bazana isurat imwe imeze nkayo birabananira kubera uburyo yanditse neza kandi n'imvugo zayo zinoze, ikusanyirije hamwe ibimenyetso byinshi bifatika hamwe n'ubuhanga bw'inyurabwenge byerekana ko iki gitabo (Qur'an) kidashobora kuba cyaranditswe n'abantu, ahubwo ni ijambo rya Nyagasani w'abantu Nyir'ubutagatifu Nyir'icyubahiro.

## KUBERA IKI INTUMWA ZABAYE NYINSHI?

Allah yohereje intumwa kuva mu ntangiriro z'igihe cyo guhamagarira abantu kugana Nyagasani wabo, no kubagezaho amategeko n'ibyo yababujije. Intumwa zose zahamagaririraga abantu kugaragira Allah wenyine Nyir'ubutagatifu, kandi igihe cyose umuryango (Umat) watangiraga guterarana cyangwa kugoreka ibyo Intumwa yaboherejweho yazanye, Allah yoherezaga iyindi ntumwa kugira

ngo ikosore icyerekezo barimo, ikagarura abantu kuri kamere nzima yo kugaragira Allah ntacyo bamubangikanyije nawe ndetse banamwumvira, kugeza igihe Allah yasoreje ubutumwa bwe kuri Muhamadi (Allah amuhundagazeho amahoro n'imigisha), we wazanye amategeko rusange azahoraho ku bantu bose kuzageza ku munsi w'imperuka, ayo mategeko aruzuye kandi akanakuraho amategeko yaje mbere yayo, kandi Nyagasani Ushoborabyose yasezeranije ko ayo mategeko n'ubutumwa azagumaho akanakomeza kuzageza ku munsi w'imperuka.

Ku bw'ibyo, twebwe Abayisilamu twemera nk'uko Allah yabitegetse intumwa zose n'ibitabo byabanjirije Qur'an.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿ءَامَنَ ٱلرَّسُولُ بِمَآ أُنزِلَ إِلَيۡهِ مِن رَّبِّهِۦ وَٱلۡمُؤۡمِنُونَۚ كُلٌّ ءَامَنَ بِٱللَّهِ وَمَلَٰٓئِكَتِهِۦ وَكُتُبِهِۦ وَرُسُلِهِۦ لَا نُفَرِّقُ بَيۡنَ أَحَدٖ مِّن رُّسُلِهِۦۚ وَقَالُواْ سَمِعۡنَا وَأَطَعۡنَاۖ غُفۡرَانَكَ رَبَّنَا وَإِلَيۡكَ ٱلۡمَصِيرُ﴾ [2: 285].

{Intumwa (Muhamadi) yemeye ibyo yahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wayo ndetse n’abemera (barabyemeye). Bose bemeye Allah, abamalayika be, ibitabo bye n’Intumwa ze; (bavuga bati) “Nta n’imwe turobanura mu Ntumwa ze.” Baranavuga bati “Twumvise kandi twumviye. Turagusaba imbabazi, Nyagasani wacu! Kandi iwawe ni ho byose bizasubira.”}

[Surat Al Baqarat: 285].

## UMUNTU NTASHOBORA KUBA UMWEMERA CYERETSE ABANJE KWEMERA INTUMWA ZOSE.

Allah niwe wohereje Intumwa, ategeka ibiremwa bye byose kuzumvira; bityo uzahakana ubutumwa bw'imwe muri izo Ntumwa, uwo azaba ahakanye Intumwa zose, kandi nta cyaha gihambaye kiruta kuba umuntu yahakana ubutumwa Allah yahishuye, niyo mpamvu ari ngombwa ko kugira ngo umuntu azinjire mu ijuru agomba kwemera Intumwa za Allah zose.

Ni itegeko kuri buri wese muri iki gihe kwemera intumwa zose za Allah, kandi ibyo ntibyashoboka keretse yemeye akanakurikiza ibyo Intumwa ya nyuma muri zo, ari yo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Allah  muri Qur'an ntagatifu yavuze ko umuntu wese wanze kwemera Intumwa y'Imana iyo ari yo yose, aba atemera Allah kandi akaba atemera ibyo yahishuriye Intumwa ze.

Soma umurongo wa Qur'an ukurikira:

"إِنَّ الَّذِينَ يَكْفُرُونَ بِاللَّهِ ورُسُلِهِ ويُرِيدُونَ أَنْ يُفَرِّقُوا بَيْنَ اللَّهِ ورُسُلِهِ ويَقُولُونَ نُؤْمِنُ بِبَعْضٍ ونَكْفُرُ بِبَعْضٍ ويُرِيدُونَ أَنْ يَتَّخِذُوا بَيْنَ ذَلِكَ سَبِيلًا أُولَئِكَ هُمُ الكافِرُونَ حَقًّا وأَعْتَدْنا لِلْكَفَرِيْنِ عَذابًا مُهِينًا﴾".

{Mu by’ukuri ba bandi bahakana Allah n’Intumwa ze, bakanashaka gutandukanya Allah n’Intumwa ze, bavuga bati “Twemera zimwe tugahakana izindi”, bagashaka kugira inzira yo

hagati no hagati (itari iy’ukwemera cyangwa iya gihakanyi)}.

Abo ni bo bahakanyi nyabo, kandi twateguriye abahakanyi ibihano bisuzuguza)} [Surat A-Nisa-i: 150 - 151].

## ISILAMU NI IKI?

Islamu ni ukwicisha bugufi munsi y'amategeko ya Allah Nyir'ubutagatifu mu kugaragira Allah wenyine, kuyoboka yumvira, no kubahiriza amategeko yayo ayishimira akanayemera.

Imana yohereje Intumwa zose kubera ubutumwa bumwe ari bwo: Guhamagarira abantu kugaragira Allah wenyine ntacyo umubangikanya na cyo.

Isilamu ni idini ry'abahanuzi bose, bahamagariraga inzira imwe ariko amategeko yabo yari atandukanye, kandi Abayisilamu muri iki gihe ni bo bonyine bakurikiza idini ry'ukuri ryazanywe n'abahanuzi bose, Ubutumwa bwa Islamu muri iki gihe ni ukuri. Nyagasani yohereje Aburahamu, Mussa, na Issa (Yesu) ni nawe wohereje Intumwa ya nyuma, Muhamadi, kandi Isilamu yazanye amategeko akuraho akanasimbura amategeko yaje mbere yayo.

Amadini yose abantu basengeramo muri iki gihe uretse Islam ni amadini yahimbwe n'abantu, cyangwa se amadini yari ayoherejwe n'Imana hanyuma agahindurwa n'amaboko y'abantu

hanyuma ahinduka uruvangitirane rw'ibihimbano, n'inyandiko abantu bagiye bahererekana, n'intekerezo z'abantu. Naho ku bijyanye n'imyemerere y'abaysilamu, ni imyemerere imwe kandi isobanutse idahinduka, Reba Qur'an ntagatifu, ni igitabo kimwe mu bihugu byose by'abayisilamu.

Allah Nyir'ubutagatifu muri Qur'an Ntagatifu aragira ati:

قُلْ آمَنَّا بِاللَّهِ وَمَا أُنْزِلَ عَلَيْنَا وَمَا أُنْزِلَ عَلَى إِبْرَاهِيمَ وَإِسْمَاعِيلَ وَإِسْحَاقَ وَيَعْقُوبَ وَالْأَسْبَاطِ وَمَا أُوتِيَ مُوسَى وَعِيسَى وَالنَّبِيُّونَ مِنْ رَبِّهِمْ لَا نُفَرِّقُ بَيْنَ أَحَدٍ مِنْهُمْ وَنَحْنُ لَهُ مُسْلِمُونَ (84) وَمَنْ يَبْتَغِ غَيْرَ الْإِسْلَامِ دِينًا فَلَنْ يُقْبَلَ مِنْهُ وَهُوَ فِي الْآخِرَةِ مِنَ الْخَاسِرِينَ (85).

{"Vuga (yewe Muhamadi) uti: “Twemeye Allah n’ibyo twahishuriwe, ibyahishuriwe Aburahamu, Isimayili, Isihaka, Yakobo, urubyaro rwe, ibyahawe Musa, Issa (Yesu) ndetse n’ibyahawe abahanuzi biturutse kwa Nyagasani wabo. Nta n’umwe turobanura muri bo, kandi (Allah) ni we twicishaho bugufi.”}

Uzahitamo idini ritari Isilamu, ntabwo azaryakiririrwa, kandi ku munsi w’imperuka azaba mu banyagihombo.}

[Surat Al Im'ran: 84 - 85].

## NI IBIHE ABAYISILAMU BEMERA KURI YESU (AMAHORO N'IMIGISHA BYA ALLAH BIMUSAKAREHO)?

Wari uzi ko abayisilamu bategetswe kwemera Intumwa y'Imana Yesu, no kumukunda, ndetse no kumwubaha, ndetse bakanemera ubutumwa bwe, aribwo bwo guhamagarira abantu gusenga Allah wenyine ntawe bamubangikanyije nawe! Abayisilamu bemera kandi ko Intumwa Yesu n'Intumwa Muhamadi (Imana ibahe amahoro n'imigisha) bombi bari abahanuzi, kandi ko boherejwe kuyobora abantu mu nzira ya Allah ndetse n'inzira ibajyana mu ijuru.

Twemera ko Yesu (amahoro n'imigisha bya Allah bimusakareho), yari umwe mu ntumwa zikomeye zoherejwe n'Imana Nyir'ubutagatifu, kandi twemera ko yavutse mu buryo bw'igitangaza, kandi Allah yatubwiye muri Qur'ani ko yaremye Yesu adafite se, nkuko yaremye Adamu adafite se cyangwa nyina, kuko Allah afite ubushobozi kuri byose.

Tunemera ko Yesu atari Imana, cyangwa umwana w'Imana, kandi ko atabambwe, ahubwo ko ari muzima Allah yamuzamuye iwe, kugira ngo izamumanure mu gihe cya nyuma aje gutegeka no kwimakaza ubutabera, kandi azabana n'abayisilamu kuko Abayisilamu ari abemeramana bemera kugaragira Imana imwe ari nabwo

butumwa bwazanywe na Yesu ndetse n'abahanuzi bose muri rusange.

Allah yatubwiye muri Qur'an ntagatifu ko ubutumwa bwa Yesu, abanaswara babugoretse kandi ko hari abayobye bagoretse kandi bahindura Ubutumwa bw'ivanjili bongeramo ibyo Yesu atavuze,na gihamya y'ibi ni ukuba hari ivanjili nyinshi zitandukanye ndetse zinivuguruza ubwazo.

Allah yatubwiye ko Yesu yasengaga Nyagasani we kandi ko atigeze asaba umuntu uwo ari we wese ngo amusenge, ahubwo yategetse abantu yoherejwemo gusenga Umuremyi we, ariko Shitani yashutse abanaswara basenga yesu, kandi Allah yatubwiye muri Qur'an ko atazababarira uwo ari we wese usenga icyo ari cyo cyose kitari Allah, kandi ko Yesu ku munsi w'imperuka azihakana abamusengaga, akababwira ati: Nabategetse gusenga Umuremyi, ntabwo nigeze mbasaba kunsenga. Na zimwe muri gihamya z'ibi n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

﴿يَٰٓأَهۡلَ ٱلۡكِتَٰبِ لَا تَغۡلُواْ فِي دِينِكُمۡ وَلَا تَقُولُواْ عَلَى ٱللَّهِ إِلَّا ٱلۡحَقَّۚ إِنَّمَا ٱلۡمَسِيحُ
عِيسَى ٱبۡنُ مَرۡيَمَ رَسُولُ ٱللَّهِ وَكَلِمَتُهُۥٓ أَلۡقَىٰهَآ إِلَىٰ مَرۡيَمَ وَرُوحٞ مِّنۡهُۖ فَـَٔامِنُواْ بِٱللَّهِ
وَرُسُلِهِۦۖ وَلَا تَقُولُواْ ثَلَٰثَةٌۚ ٱنتَهُواْ خَيۡرٗا لَّكُمۡۚ إِنَّمَا ٱللَّهُ إِلَٰهٞ وَٰحِدٞۖ سُبۡحَٰنَهُۥٓ أَن يَكُونَ لَهُۥ
وَلَدٞۘ لَّهُۥ مَا فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَمَا فِي ٱلۡأَرۡضِۗ وَكَفَىٰ بِٱللَّهِ وَكِيلٗا﴾

{Yemwe abahawe igitabo (Abanaswara)! Ntimugakabye mu idini ryanyu, kandi ntimukavuge kuri Allah ibitari ukuri. Mu by’ukuri, Mesiya Issa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya) nta kindi yari cyo uretse ko yari Intumwa ya Allah akaba n’ijambo

rye yohereje muri Mariyamu ndetse na Roho (umwuka w’ubuzima) imuturutseho. Bityo, nimwemere Allah n’Intumwa ze kandi ntimukavuge “Ubutatu!” Musigeho! Ni byo byiza kuri mwe. Mu by’ukuri, Allah ni Imana imwe rukumbi. Ni Nyirubutagatifu, ntiyagira umwana. Ibiri mu birere n’ibiri mu isi byose ni ibye. Kandi Allah arahagije kuba Umuhagararizi.}

[Surat A-Nisa-i: 171].

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

(وَإِذْ قَالَ اللَّهُ يَا عِيسَى ابْنَ مَرْيَمَ أَأَنتَ قُلْتَ لِلنَّاسِ اتَّخِذُونِي وَأُمِّيَ إِلَٰهَيْنِ مِن دُونِ اللَّهِ ۖ قَالَ سُبْحَانَكَ مَا يَكُونُ لِي أَنْ أَقُولَ مَا لَيْسَ لِي بِحَقٍّ ۚ إِن كُنتُ قُلْتُهُ فَقَدْ عَلِمْتَهُ ۚ تَعْلَمُ مَا فِي نَفْسِي وَلَا أَعْلَمُ مَا فِي نَفْسِكَ ۚ إِنَّكَ أَنتَ عَلَّامُ الْغُيُوبِ

{"Unibuke ubwo Allah azavuga ati “Yewe Issa (Yesu), mwene Mariyamu (Mariya)! Ese ni wowe wabwiye abantu uti ‘Njye na mama nimutugire imana ebyiri mu cyimbo cya Allah?” (Yesu) azavuga ati “Ubutagatifu ni ubwawe. Ntibikwiye kuri njye ko nabwira (abantu) ibitari ukuri. Iyo nza kuba narabivuze, rwose wari kubimenya. Uzi ibiri mu mutima wanjye, nyamara njye sinshobora kumenya amabanga yawe. Mu by’ukuri, ni wowe Mumenyi uhebuje w’ibyihishe”}. [Surat Al Ma-idat: 116].

Ushaka kuzarokoka ku munsi w'imperuka, akwiye kuba umuyisilamu akanakurikira Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Kimwe mu bintu byemeranyijweho n'intumwa n'abahanuzi (Amahoro n'imigisha bya Allah

bibasakareho) ni uko nta bazarokoka ibihano byo ku munsi w'imperuka uretse Abayisilamu bemeye Allah Nyir'ubutagatifu, ntibagire icyo bamubakanya nawe, bakanemera intumwa zose n'abahanuzi. Abari mu gihe cy'Intumwa y'Imana Mussa bakamwemera bagakurikira n'inyigisho ze ni abayisilamu n'abemeramana bakora neza. Ariko nyuma y'uko Allah yohereje Yesu, byahise biba itegeko ko abakurikiye Mussa bagomba kwemera Yesu bakamukurikira. N'abemeye Yesu abo ni Abayisilamu, bakora neza, kandi umuntu wese wanze kwemera Yesu akavuga ko azaguma mu idini rya Mussa uwo ntabwo ari umwemeramana, kubera ko yanze kwemera Intumwa yoherejwe na Allah, hanyuma Allah amaze kohereza Intumwa ya nyuma Muhamadi, Byahise biba itegeko ku bantu bose ko bagomba kumwemera. Nyagasani niwe wohereje Mussa, Yesu ndetse ni nawe wohere Intumwa ya nyuma Muhamadi. Rero umuntu uhakana ubutumwa bwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) akavuga ati: "Nzakomeza gukurikira Musa cyangwa Yesu ntabwo uwo ari umweramana.

Ntabwo bihagije ko umuntu avuga ko yubaha abayisilamu, kandi ntibihagije kugira ngo bizamurokore ibihano ku munsi w'imperuka kubera ko atanga amaturo akanafasha abakene. Ahubwo agomba kuba yemera Allah, ibitabo bye, intumwa ze, ndetse n'umunsi w'imperuka, kugira

ngo Allah amwakirire ibikorwa bye. Nta cyaha gihambaye imbere ya Allah kuruta kuyibangikanya n'icyo ari cyose, no kuyihakana, cyangwa se guhakana ubutumwa bw'Intumwa yasoreje izindi Muhamad (Amahoro ya Allah n'imigisha ye bimubeho), Bityo Abayahudi n'abanaswara bumvise ubutumwa bwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bakanga kwemera kuba abayisilamu, bazaba mu muriro utazima ubuziraherezo, nk'uko Imana Nyir'ubutagatifu yabivuze igira iti:

{إِنَّ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ وَالْمُشْرِكِينَ فِي نَارِ جَهَنَّمَ خَالِدِينَ فِيهَا ۚ أُولَـٰئِكَ هُمْ شَرُّ الْبَرِيَّةِ}

{(Mu by'ukuri abahakanye bo mu bahawe igitabo ndetse n'ababangikanyamana bazaba mu muriro wa Jahanamu ubuziraherezo; abo ni bo babi mu biremwa.)}

[Surat Al An'am: 98].

No kuba harahishuwe ubutumwa bwa nyuma buturutse kwa Allah yahishuriye ikiremwamuntu, ni ngombwa ko buri muntu wumvise ubuyisilamu, akumva ubutumwa bwahishuriwe Intumwa ya nyuma ariyo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), agomba kumwemera, akamwumvira agakurikiza amategeko yategetse n'ibyo yabujije akabireka. Niyo mpamvu uzumva ubu butumwa bwa nyuma akabuhakana, Allah atazamwakirira ibyo yakoze, kandi ku munsi w'imperuka

azamuhana. No muri gihamya z'ibi ni umurongo wa Qur'an ugira uti:

﴿وَمَن يَبۡتَغِ غَيۡرَ ٱلۡإِسۡلَٰمِ دِينٗا فَلَن يُقۡبَلَ مِنۡهُ وَهُوَ فِي ٱلۡأٓخِرَةِ مِنَ ٱلۡخَٰسِرِينَ﴾

{Uzahitamo idini ritari Isilamu, ntabwo azaryakiririrwa, kandi ku munsi w'imperuka azaba mu banyagihombo.}

[Surat Al Im'ran: 85].

Allah Nyir'ubutagatifu nanone aragira ati:

(قُلْ يَا أَهْلَ الْكِتَابِ تَعَالَوْا إِلَىٰ كَلِمَةٍ سَوَاءٍ بَيْنَنَا وَبَيْنَكُمْ أَلَّا نَعْبُدَ إِلَّا اللَّهَ وَلَا نُشْرِكَ بِهِ شَيْئًا وَلَا يَتَّخِذَ بَعْضُنَا بَعْضًا أَرْبَابًا مِّن دُونِ اللَّهِ ۚ فَإِن تَوَلَّوْا فَقُولُوا اشْهَدُوا بِأَنَّا مُسْلِمُونَ)

{Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Yemwe abahawe igitabo! Nimuze (duhurize) ku ijambo riboneye hagati yacu namwe; ry'uko tutagomba kugira uwo tugaragira utari Allah, kandi ntitugire icyo tumubangikanya na cyo, ndetse bamwe muri twe ntibazagire abandi ibigirwamana basenga mu cyimbo cya Allah." Ariko nibabitera umugongo, muvuge muti: "Nimuhamye ko twe turi abicisha bugufi (Abayisilamu)}." [Surat Al Im'ran: 64].

## NI IKI BINSABA KUGIRA NGO MBE UMUYISILAMU?

Kugira ngo ube umuyisilamu, ugomba kwemera izi nkingi esheshatu zikurikira:

Kwemera Allah Nyir'ubutagatifu ko ari we Muremyi, Utanga amafunguro, Umugenga w'ibiremwa byose Nyir'Ubwami. Nta kintu kimeze

nka We, kandi nta mugore cyangwa umwana afite, kandi niwe wenyine ukwiye gusengwa by'ukuri.

Kwemera abamalayika ko ari abagaragu ba Allah Nyir'ubutagatifu, yabaremye mu rumuri, no mu mirimo bashinzwe akaba yarashyizemo kuzana ubutumwa ku Ntumwa ze mu bantu.

Kwemera ibitabo bya Allah byose yahishuriye Intumwa ze nka Tawurat na Injiili n'igitabo cyabisozereje kikaba ari Qur'an Ntagatifu.

Kwemera Intumwa ze zose nka Nuhu, Ibrahim, Mussa, Issa, n'uwazisoreje akaba ari Muhamadi, kandi izo ntumwa zose zikaba zari abantu. Yazishyigikije azihishurira ubutumwa, anaziha ibimenyetso n'ibitangaza bigaragaza ko zari mu kuri.

Kwemera umunsi w'imperuka, ubwo Allah azazura ababanje n'abazaheruka, maze akabacira urubanza, akinjiza abemerana mu ijuru n'abahakanyi mu muriro.

Kwemera igeno, no kwemera ko Allah azi buri kintu ibyakibayeho mu bihe byashize n'ibizakibaho mu bihe bizaza, kandi ko Allah yari abizi kuva na mbere ndetse aranabyandika, akaba ari nawe ushaka ko bibaho, kandi akaba ari nawe waremye buri kimwwe.

## ISILAMU NI INZIRA IGANISHA KU MUNEZERO.

Islamu ni idini ry'abahanuzi bose, ntabwo ari idini ry'umwihariko ku barabu.

Isilamu ni inzira iganisha ku munezero w'ukuri wo mu buzima bwa hano ku isi, ndetse n'ingabire zihoraho zo mu buzima bwo ku munsi w'imperuka.

Islamu niryo dini ryonyine rishobora guhaza ibyifuzo by'ubugingo n'umubiri, no gukemura ibibazo byose by'abantu

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

{قَالَ اهْبِطَا مِنْهَا جَمِيعًا بَعْضُكُمْ لِبَعْضٍ عَدُوٌّ فَإِمَّا يَأْتِيَنَّكُمْ مِنِّي هُدًى فَمَنِ اتَّبَعَ هُدَايَ فَلا يَضِلُّ وَلا يَشْقَى وَمَنْ أَعْرَضَ عَنْ ذِكْرِي فَإِنَّ لَهُ مَعِيشَةً ضَنْكًا وَنَحْشُرُهُ يَوْمَ الْقِيَامَةِ أَعْمَى

{(Allah) aravuga ati: "Nimumanuke mwembi murivemo (mujye ku isi), bamwe muri mwe ari abanzi b'abandi (abantu bazaba abanzi ba Shitani, ndetse na we abe umwanzi wabo). Kandi umuyoboro wanjye nuramuka ubagezeho, uzakurikira uwo muyoboro wanjye ntazigera ayoba cyangwa ngo agorwe,

Ariko uzirengagiza urwibutso rwanjye, mu by'ukuri azagira ubuzima bw'inzitane ndetse no ku munsi w'imperuka tuzamuzura ari impumyi.}

[Surat Twaha: 123 - 124].

## BINYUNGURA IKI KUBA UMUYISILAMU?

Kuba umuyisilamu bifite inyungu zihambaye, zimwe muri zo ni izi zikurikira:

-Ni ukubona intsinzi n'icyubahiro hano ku isi, aho umuntu aba umugaragu wa Allah wenyine, iyo bitaba ibyo yari kuba ari umugaragu w'irari rye, na Shitani, ndetse n'amarangamutima ye.

-Intsinzi ikomeye ku munsi w'imperuka no kurokoka ibihano by'umuriro, akinjira mu ijuru, no gutsindira kwishimirwa na Allah no kuba mu ijuru ubuziraherezo.

-Abo Allah azinjiza mu ijuru, bazaba mu ngororano zihoraho, nta rupfu cyangwa uburwayi ubwo aribwo bwose, ububabare, umubabaro, cyangwa gusaza, kandi bazabona ibyo bashaka byose.

-Mu ijuru hari ibyo amaso atigeze abona, cyangwa se ngo amatwi yumve, cyangwa se ngo umuntu abitekerezeho. Na gihamya y'ibi ni imvugo ya Allah igira iti:

Zimwe muri gihamya z'ibi ni imvugo ya Allah Nyir'ubutagatifu igira iti:

﴿مَنْ عَمِلَ صَـٰلِحًا مِّن ذَكَرٍ أَوْ أُنثَىٰ وَهُوَ مُؤْمِنٌ فَلَنُحْيِيَنَّهُۥ حَيَوٰةً طَيِّبَةً ۖ وَلَنَجْزِيَنَّهُمْ أَجْرَهُم بِأَحْسَنِ مَا كَانُوا۟ يَعْمَلُونَ﴾

{Ukoze ibitunganye, yaba uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore, kandi akaba ari umwemeramana, rwose tuzamuha ubuzima bwiza, ndetse tuzabagororerera ibihembo byabo byiza kurusha ibyo bakoraga}. [Surat A-Nahl: 97].

## NZAHOMBA IKI NDAMUTSE NANZE KUBA UMUYISILAMU?

Umuntu azahomba ubumenyi buhambaye, ari bwo bwo kumenya Allah, azahomba kandi kwemera Allah kugeza umuntu ku mutekano

n'ituze hano ku isi n'ingororano zihoraho zo ku munsi w'imperuka.

Umuntu kandi azahomba kumenya igitabo gihambaye Allah yahishuriye abantu, ndetse no kucyemera.

Umuntu kandi azahomba kwemera abahanuzi ba Allah bahambaye, nkuko ku munsi w'imperuka azahomba kuzabana nabo mu ijuru, ahubwo akazabana na Shitani n'inkozi z'ibibi n'abagizi ba nabi mu muriro wa Jahanamu, kandi ni ho hantu habi ho kuba.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

قُلْ إِنَّ الْخَاسِرِينَ الَّذِينَ خَسِرُوا أَنْفُسَهُمْ وَأَهْلِيهِمْ يَوْمَ الْقِيَامَةِ أَلا ذَلِكَ هُوَ الْخُسْرَانُ الْمُبِينُ (15) لَهُمْ مِنْ فَوْقِهِمْ ظُلَلٌ مِنَ النَّارِ وَمِنْ تَحْتِهِمْ ظُلَلٌ ذَلِكَ يُخَوِّفُ اللَّهُ بِهِ عِبَادَهُ يَا عِبَادِ فَاتَّقُونِ } .

Vuga uti: “Mu by’ukuri abanyagihombo ku munsi w’imperuka ni ba bandi bazaba bariyoretse ubwabo ndetse boreka n’imiryango yabo.” Rwose icyo kizaba ari cyo gihombo kigaragara.

{Bazaba batwikiriwe n’ibicucu by’umuriro ndetse no munsi yabo hari ibindi. Ibyo ni byo Allah atinyisha abagaragu be. Ngaho bagaragu banjye, nimuntinye!}

[Surat Zumara: 15 - 16]

## WICYEREZA GUFATA UMWANZURO!

Iyi si ntabwo ari ubuturo buhoraho...

Na buri kintu cyose cyiza kiyiriho kizarangira, na buri rari rikendera...

Umunsi uzagera aho uzabazwa ibyo wakoze byose, ari wo munsi w'Imperuka. Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

{وَوُضِعَ الْكِتَابُ فَتَرَى الْمُجْرِمِينَ مُشْفِقِينَ مِمَّا فِيهِ وَيَقُولُونَ يَا وَيْلَتَنَا مَالِ هَذَا الْكِتَابِ لاَ يُغَادِرُ صَغِيرَةً وَلاَ كَبِيرَةً إِلاَّ أَحْصَاهَا وَوَجَدُوا مَا عَمِلُوا حَاضِرًا وَلاَ يَظْلِمُ رَبُّكَ أَحَدًا}

{Kandi buri wese azahabwa igitabo (cy'ibikorwa bye), maze ubone inkozi z'ibibi zitewe ubwoba n'ibigikubiyemo (bibi), nuko zivuge ziti: "Mbega ukorama kwacu! Iki gitabo ni bwoko ki kidasiga (icyaha) gito n'ikinini kitakibaruye!" Bazanasanga ibyo bakoze byose birimo, kandi Nyagasani wawe ntawe ajya arenganya.} [Surat Al Kah'f: 49].

Allah Nyir'ubutagatifu yamaze kutubwira ko umuntu utazaba umuyisilamu iherezo rye ari ukuba mu muriro wa Jahanama ubuziraherezo.

Rero ntabwo ari igihombo cyoroheje ahubwo kirahambaye:

{وَمَن يَبْتَغِ غَيْرَ الْإِسْلَامِ دِينًا فَلَن يُقْبَلَ مِنْهُ وَهُوَ فِي الْآخِرَةِ مِنَ الْخَاسِرِينَ }

{Uzahitamo idini ritari Isilamu, ntabwo azaryakiririrwa, kandi ku munsi w'imperuka azaba mu banyagihombo.} [Surat Al Im'ran: 85].

Isilamu niryo idini Allah atazagira irindi yemera usibye ryo.

Kandi Allah yaraturemye ndetse iwe niho tuzasubira, n'iyi si ni ahantu ho kugeragerezwa.

Umuntu akwiye kwizera adashidikanya ko ubu buzima ari bugufi nko kurota... ndetse nta n'umwe muri twe uzi igihe azapfira!

Ni ikihe gisubizo uzaha Umuremyi wawe ku munsi w'Imperuka nakubaza ngo: Kuki utakurikiye ukuri? Kuki utakurikiye Intumwa ya nyuma ku bantu?

Ni gute uzasubiza Nyagasani wawe ku munsi w'imperuka, mu gihe yakuburiye ingaruka ziterwa no guhakana ubuyisilamu, akakubwira ko amaherezo y'abahakanyi ari ukurimbuka mu muriro iteka ryose?

Allah Nyir'ubutagatifu nanone aragira ati:

﴿وَالَّذِينَ كَفَرُوا وَكَذَّبُوا بِآيَاتِنَا أُولَئِكَ أَصْحَابُ النَّارِ هُمْ فِيهَا خَالِدُونَ﴾ [2: 39].

{Naho abazahakana bakanahinyura ibimenyetso byacu (amagambo, inyigisho n’ubuhanuzi), abo bazaba abo mu muriro; bakazawubamo ubuziraherezo.}

[Surat Al Baqarat: 39].

## NTA RWITWAZO KURI WA WUNDI WARETSE GUKURIKIRA UKURI AGAHITAMO GUKURIKIRA ABAKURAMBERE BE?

Allah Nyir'ubutagatifu yatubwiye ko benshi mu bantu banga kujya mu buyisilamu kubera gutinya abo baturanye nabo.

Na benshi banga kuba abayisilamu kubera ko badashaka guhindura imyemerere bazunguye ku babyeyi babo n'abakurambere babo kandi bakaba

ariyo bamenyereye; abandi benshi babuzwa kuba abayisilamu n'ubwibone no gutsimbarara ku kinyoma baba barazunguye ku bababanjirije.

Abo bose urwitwazo rwabo nta shingiro rufite, kandi bazahagarikwa imbere ya Allah nta ngingo n'imwe bafite ibarengera.

Nta rwitwazo uhakana Imana azigira igihe avuze ngo: "Nzakomeza guhakana Imana kuko navukiye mu muryango utemera Imana!" Ahubwo agomba gukoresha ubwenge Allah yamuhaye, agatekereza ku buhambare bw'ibirere n'isi, akanatekereza akoreshe ubwenge bwe ko Umuremyi we yabumuhaye kugira ngo amenye ko isi n'ibirere bifite Umuremyi. Na wawundi usenga amabuye n'ibigirwamana agatanga urwitwazo rw'uko yigana abakurambere be nta shingiro bifite. Ahubwo agomba gushakisha ukuri akibaza ati: Ni gute nsenga ikintu kidafite ubuzima kidashobora kunyumva, kidashobora kumbona, cyangwa kungirira akamaro na gato?!

Ni nk'uko n'umunaswara wemera ibihabanye na kamere n'ubwenge, agomba kwibaza ati: Ni gute Nyagasani yakemera ko umwana we yicwa nta cyaha yakoze ahubwo ari ukubera ibyaha by'abandi bantu?! Ibi byaba ari amahugu! Ni gute abantu babamba bakica umwana w'Imana!? Ese Imana Nyagasani ntishoboye kuba yababarira abantu ibyaha byabo itabanje kubareka ngo bice umwana

wayo? Ese Imana Nyagasani ntishoboye kurengera no gutabara umwana wayo?

Umunyabwenge rero ategetswe gukurikira ukuri, no kudakurikira ababyeyi be n'abakurambere be mu binyoma.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿وَإِذَا قِيلَ لَهُمۡ تَعَالَوۡاْ إِلَىٰ مَآ أَنزَلَ ٱللَّهُ وَإِلَى ٱلرَّسُولِ قَالُواْ حَسۡبُنَا مَا وَجَدۡنَا عَلَيۡهِ ءَابَآءَنَآۚ أَوَلَوۡ كَانَ ءَابَآؤُهُمۡ لَا يَعۡلَمُونَ شَيۡـٔٗا وَلَا يَهۡتَدُونَ﴾

{Kandi n'iyo babwiwe bati "Nimukurikire ibyo Allah yahishuye, munakurikire Intumwa (Muhamadi)." Baravuga bati "Ibyo twasanze abakurambere bacu bakurikira biraduhagije." Ese n'ubwo abakurambere babo nta cyo baba bari bazi cyangwa bataranayobotse (bari kubakurikira?)} [Surat Al Ma-idat: 104].

## UMUNTU USHAKA KUBA UMUYISILAMU ARIKO AKABA ATINYA KO ABANYAMURYANGO WE BAMUMERERA NABI YAKORA IKI?

Umuntu ushaka kuba umuyisilamu, akaba atinya abamukikije ko bamugirira nabi, ashobora kuba we ntahite agaragaza ubuyisilamu bwe kugeza igihe Allah amworohereje inzira nziza afite ukwishyira akizana, maze akaba ari bwo abona kugaragaza ubuyisilamu bwe.

Ni ngombwa kuri wowe guhita wemera Islamu aka kanya, ariko ntabwo ari ngomba kumenyesha

abari hafi yawe ko wabaye umuyisilamu, niba ibyo byakugiraho ingaruka mbi.

Menya ko uramutse winjiye mu buyisilamu, uzaba umuvandimwe wa miriyoni z'abayisilamu, kandi ushobora kugana umusigiti cyangwa ikigo cya kisilamu mu gihugu cyawe ukabasaba inama n'ubufasha, kandi bazabyishimira.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

{وَمَنْ يَتَّقِ اللَّهَ يَجْعَلْ لَهُ مَخْرَجًا وَيَرْزُقْهُ مِنْ حَيْثُ لَا يَحْتَسِبُ}

{Kandi ugandukira Allah, amucira icyanzu, Akanamuha amafunguro mu buryo atakekaga}.

[Surat A-Twalaq: 2 - 3].

## Muvandimwe musomyi w'umunyacyubahiro;

Ese ntabwo gushimisha Allah Umuremyi wawe (waguhaye ingabire ze zose, akaba yaraguhaga ibigutungamu gihe wari uruhinja mu nda ya nyoko akaguha umwuka uhumeka ubungubu) byaba ari byo bifite akamaro kuruta uko washimisha abantu?

Ese kubona intsinzi ya hano ku isi no ku munsi w'imperuka sibyo umuntu akwiye kwitangira kuruta ibindi yitangira byo muri ubu buzima bishira? Ndahiye ku izina rya Allah ko ariko bimeze!

Ntutume ahahise hawe hakubuza gutunganya inzira itari iboneye wari urimo cyangwa se hakubuze gukora igikwiye.

Ba umwemeramana nyakuri uyu munsi! Ntukemere ko Shitani akubuza gukurikira ukuri!

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

{يَا أَيُّهَا النَّاسُ قَدْ جَاءَكُمْ بُرْهَانٌ مِنْ رَبِّكُمْ وَأَنزلْنَا إِلَيْكُمْ نُورًا مُبِينًا (174) فَأَمَّا الَّذِينَ آمَنُوا بِاللَّهِ وَاعْتَصَمُوا بِهِ فَسَيُدْخِلُهُمْ فِي رَحْمَةٍ مِنْهُ وَفَضْلٍ وَيَهْدِيهِمْ إِلَيْهِ صِرَاطًا مُسْتَقِيمًا (175) }

{Yemwe bantu! Mu by'ukuri, mwagezweho n'ikimenyetso (Intumwa Muhamadi) giturutse kwa Nyagasani wanyu; kandi twabahishuriye urumuri rugaragara}(174)

Bityo ba bandi bemeye Allah bagafatana urunana kuri We (bamugandukira), azabinjiza mu mpuhwe n'ingabire bye, kandi abayobore iwe mu nzira igororotse.}

[Surat A-Nisa-u: 174 - 175].

## ESE WITEGUYE GUFATA UMWANZURO UKOMEYE MU BUZIMA BWAWE?

Niba ibi byose twavuze wumva bisobanutse, kandi ukaba wumva mu mutima wawe ari ukuri, ugomba rero gutera intambwe ya mbere yo kuba umuyisilamu. Urashaka ko ngufasha gufata icyemezo cyiza cy'ubuzima bwawe kandi nkakuyobora mu buryo waba Umuyisilamu?

Ntukemere ko ibyaha byawe bikubuza kwinjira muri Islamu Imana yatubwiye muri Qur'an ko ibabarira ibyaha by'umuntu byose niba yinjiye mu idini rya Islam igihe yicujije ku Muremyi we. Kandi n'umara no kuba umuyisilamu ni ibisanzwe ko uzakora ibyaha, kubera ko turi ibiremwamuntu ntabwo turi abamalayika badakosa, ariko icyo

dusabwa ni ugusaba Imana imbabazi no kwihana, kandi niba Imana ibonye ko wihutiye kwakira ukuri ukinjira mu buyisilamu ukavuga ubuhamya bubiri, Allah azagufasha kureka ibindi byaha. Umuntu wese wemera Allah agakurikiza ukuri, Allah amushoboza gukora ibyiza byinshi, bityo rero ntushidikanye wanga kuba wakinjira mu buyisilamu aka akanya.

Zimwe muri gihamya z'ibi ni imvugo ya Allah Nyir'ubutagatifu igira iti:

﴿قُل لِّلَّذِينَ كَفَرُوٓاْ إِن يَنتَهُواْ يُغۡفَرۡ لَهُم مَّا قَدۡ سَلَفَ﴾

{Bwira abahakanye ko nibaramuka baretse (ubuhakanyi), bazababarirwa ibyahise}. [Surat Al Infal: 38].

## NAKORA IKI KUGIRA NGO MBE UMUYISILAMU?

Kugira ngo ube umuyisilamu biroroshye, nta n'ubwo bicyeneye kubatizwa, cyangwa se iminsi mikuru yo kubimenyekanisha, cyangwa se kuba hari umuntu wazana, igisabwa ni ukuba umuntu yavuga ubuhamya bubiri abusobanukiwe, anabwemera bugira buti: ASH'HADU A LA ILAHA ILA LLAHU WA ASH'HADU ANA MUHAMADAN RASULULLAH: Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi Allah, nkanahamya ko Muhamad ari Intumwa ya Allah); bikoroheye wabivuga mu rurimi rw'icyarabu byaba byiza, bikugoye wabivuga mu

rurimi rwawe, kuva ubwo ukaba ubaye umuyisilamu. Hanyuma uba ugomba kubwiga kuko nibwo buzaba isoko y'umunezero wawe hano ku isi ndetse no kurokoka ku munsi w'imperuka.

Kubindi bisobanuro bijyanye na Islamu, ndakugira inama yo gusura urubuga: byenah.com/......

Kugira ngo wige gushyira mu bikorwa ubuyisilamu, turagusaba ko wasura urubuga: byenah.com/.....

# Index


NINDE WANDEMYE? KUBERA IKI YANDEMYE? ........................ 2
Buri kintu cyose kigaragaza ko hariho umuremyi. .................... 2
Allah Nyir'ibisingizo bihebuje, Ushobora byose.......................... 3
Ibisingizo bya Nyagasani Nyir'ibisingizo bihebuje Ushobora byose. ........................................................................................ 5
Nyagasani ukwiye gusengwa ni ngombwa ko arangwa n'ibisingizo byuzuye bidafite inenge. ........................................... 6
Ese birashoboka ko Nyagasani yatureka nta guhishurirwa ubutumwa (Wah'yi)?...................................................................... 8
Qur'an Ntagatifu. ............................................................................ 10
KUBERA IKI INTUMWA ZABAYE NYINSHI? ............................... 10
UMUNTU NTASHOBORA KUBA UMWEMERA CYERETSE ABANJE KWEMERA INTUMWA ZOSE. ......................................... 12
ISILAMU NI IKI? ............................................................................ 13
NI IBIHE ABAYISILAMU BEMERA KURI YESU (AMAHORO N'IMIGISHA BYA ALLAH BIMUSAKAREHO)? ............................ 15
NI IKI BINSABA KUGIRA NGO MBE UMUYISILAMU? ............. 20
ISILAMU NI INZIRA IGANISHA KU MUNEZERO. ...................... 21
BINYUNGURA IKI KUBA UMUYISILAMU? .................................. 22
NZAHOMBA IKI NDAMUTSE NANZE KUBA UMUYISILAMU? ......................................................................................................... 23
WICYEREZA GUFATA UMWANZURO!......................................... 24
NTA RWITWAZO KURI WA WUNDI WARETSE GUKURIKIRA UKURI AGAHITAMO GUKURIKIRA ABAKURAMBERE BE?... 26
UMUNTU USHAKA KUBA UMUYISILAMU ARIKO AKABA ATINYA KO ABANYAMURYANGO WE BAMUMERERA NABI YAKORA IKI? ............................................................................ 28
Muvandimwe musomyi w'umunyacyubahiro; ......................... 29

ESE WITEGUYE GUFATA UMWANZURO UKOMEYE MU BUZIMA BWAWE?........................................................................................ 30
NAKORA IKI KUGIRA NGO MBE UMUYISILAMU?..................... 31

rw361v1.0 - 04/09/2026